

# Ihene, Imbwa, n'Inka

Patrick Munyurangabo
Marleen Visser

Kinyarwanda

African Storybook.org




Ihene, Imbwa, n'Inka bari inshuti magara.

Umunsi umwe bagiye ku rugendo mu itagisi.




Basoje urugendo rwabo, umushoferi yabasabye kwishyura.


Inka yatanze amafaranga yuzuye.



Imbwa yatanzearenzehokubera koitari ifite avunje.



Umushoferiagiye kugarurira Imbwa ako kanya Ihene yarirutse igenda idatanze amafaranga y'urugendo.



Umushoferi yararakaye.

Yahise agenda
atagaruriye Imbwa.




Iyi niyo mpanvu, kugeza nubu, Imbwa yirukanka isanga imodoka.

Iba ishaka kurebamo umushoferi wagiye atayigaruriye.



Ihene iyo yumvise imodoka ihinda iriruka.

Itinya ko bayifata kubera ko itatanze amafaranga y'urugendo.



Inka yo ntacyo yikanga iyo imodoka ije.

Inka yambuka umuhanda yitonze kubera ko izi ko yatanze amafaranga y'urugendo.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Ihene, Imbwa, n'Inka

Umwanditsi-- Fabian Wakholi
Ubuhinduzi -- Patrick Munyurangabo
Icyitegererezo -- Marleen Visser
Ururimi -- Ikinyarwanda
Urwego -- Igika cya mbere

© African Storybook Initiative 2018
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko www.africanstorybook.org

**2023.08.28**